bapfa rwose bikagaragara. Bon, Abarundi, Abarundi baje mu izi Nkotanyi. Hagi... byagiye bigaragara ko harimo Abarundi bavuga ikirundi, ariko ubajije urnusirikari wese yakubwira ko nta kintu kigaragara rwose, cyagaragaye kuri za Front zose, e...surtout mu RUHENERI, e... i KIGALI, GITARAMA se, n'ahandi za BYUMBA cyagaragaraga ko Inkotanyi zaba zirusha e...au point de vue technique, ku byerekeye za tekini ko zirusha Abanyarwanda. Abo Baganda wumva ngo barwaniye i Kampala, nta Mugande ugaragaza ko yarwaniye i Kampala kurusha Umunyarwanda, Umunyarwanda ararwana ukabona ko afite ingufu kuko ari wa rnugabo usanzwe iwe. Iyo usanze umugabo iwe, aragukubita rwose akakumvisha. Umugande araza yagera mu Rwanda, ageze mu mujyi, arakubitwa hanyuma agashaka uko yasubira inyuma, kuko na we usibye kwirirwa nsubi... nsubira mu magambo, yi... umugabo iyo bamusa... iyo bamusanze iwe n'iyo waba ufite ikibando undi afite imbunda, umwirukaho ukamurengana imisozi. Ni yo mpamvu Abanyarwanda dufite ingufu z'uko turi kumwe n'abanya... n'abaturage bacu, kandi tukaba turi n'iwacu byongeye. Naho kuvuga ngo hari ikintu ziriya Nkotanyi zaba ziturusha kirengejeho, nta kintu de spécial Inkotanyi ziturusha Bwana Kantano.

- Urakoze ariko e...uravuze uti «turazikubita ahantu henshi», hanyuma se, kuki muzikubita ariko ntizinoge ? Biriya bintu mubi... mubyumva mute ?

- Kantano icyo ni ikibazo rwose... icyo ni ikibazo umuntu wese yakwibaza ngo «kuki tuzikubita ntizinoge». Inkotanyi, Inkotanyi na zo ni abantu. Iyo ukubise umu... iyo ukubise umuntu w'umugabo ni nk'uko twavugaga ngo «Inkotanyi...», ni ko tuvuga buno, Inkotanyi zira...zaraje zitera Abanyarwanda, zikajya zibasukaho ibisasu, bi... bigezeho bashira ubwoba n'umugani w'ikinyarwanda urabivuga ngo «ukanga umugabo kensi ukamumara ubwoba». Ariko Inkotanyi na zo ni abantu. Inkotanyi turazikubita ntizinoge. Nk'uko hari bensi... hari bensi bakunze kuvuga bat... bat... «umwana w'Umututsi uramukubita rwose, uramwica akazuka». Twasanze atari byo rero. Inkotanyi ni nyinshi. Si ukuvuga ngo ni nyinshi zifite imbunda nyinshi, ariko ni ba Batutsi bandi bagiye baturuka za... za Bugande, na za renfort zagiye zituruza i Bugande n'i Burundi, ni ko kuvuga

ngo Abatutsi ni benshi. Kumukubita ntanoge, turabica, none niba twishe magana atanu ejo hakaza abandi baje muri renfort bakabaha za mbunda bakongera bakarwana ku buryo... wavuga ngo ntibanova, na ho ubundi abo tuba twishe Kantano baba bahagije rwose.

- Hanyuma se urabona batazashira ?

- Yayaya, ba... Abatutsi rwose ziriya Nkotanyi zizashira. N'ikimenyimenyi ni uko mu mujyi wa KIGALI, mu mujyi wa KIGALI iyo urebye, iyo urebye ubona nk'ukuntu amarere bari batangiranye, ubona rwose batangi... bari gucogora, bari gucogora n'abaturage ubwabo bamaze... na bo ubwabo baragenda... baragenda bakabikubitira, ni cyo... ni cyo kintu kiduha icyizere ko hadashize iminsi mikeya Inkotanyi zizashira hanyuma u Bugande buryoze MUSEVENI ibyo yakoze, Abarundi na bo baryoze Umukuru wabo wohereza ziriya ngabo zabo e... kuri front y'u Rwanda bose bazashira mu by'ukuri.

- ORATEUR KABONABAKE Thomas :

KADAHWEMA na we ari hano ni umwe mu bantu ba... akaba ari n'Interahamwe ku KIMIHURURA e... twagira ngo na we agire icyo atubwira kuri iyi ntambara, kuva itangiye n'aho igeze hano kuko tumusanze hano i GISENYI.

- ORATEUR KADAHWEMA :

Urakoze Munyamakuru, byarambabaje numvishe ko Inyenzi-Inkotanyi zishe Prezida wacu HABYALIMANA Yuvenali akaba ari umubyeyi twakundaga twese, ikindi kibazo kirimo ni uko izo Nyenzi twe dusa n'aho twacumbikiye, zaje tukazicumbikira zagera aho zikadutera, zikatwicira abantu, ziza zica Abahutu kandi nta Muhutu wahemukiye mugenzi wabo w'Abatutsi kuko bitwaza ngo ni Abatutsi ngo bi.... bagiye muri za cinquante-neuf, ariko ikindi kintu kibabaje ni uko Prezida

wacu HABYALIMANA Yuvenali bamwishe nta kosa abafitiye, ari we muntu wabagwanagaho ahubwo twe bikatubabaza, yaravuze ati «bana banje mwese duhure twumvikane», ariko natwe twarababaye ubu ngubu nta kuntu Inyenzi zizashobora gufata u Rwanda, twebwe Interahamwe turahari kandi dufite ingufu. Mbere na mbere nabbwira ko abantu nashimira bo... ni abasirikari bo muri camp KIMIHURURA, Abajepe cyane cyane ngasuhuza mukuru wanje witwa KAGURUBE, ngasuhuza muramu wanje witwa BASENDA, ngasuhuza BIZIMANA Augustin bakunze kwita commando nkaba nshimiye n'uwitwa RUCYABA, Gaporali, bagwanyije Inyenzi turabibona kandi. Njye ndi Interahamwe yitwa KADAHWEMA, iwacu ni ku GISENYI ariko ubu nshaka gusubira i KIGALI muri iyi minsi.

- ORATEUR KABONABAKE Thomas :

E... urakoze KADAHWEMA, na none turagira ngo twegere umudamu hano witwa Charlotti w'i REMERA ugeze hano avuye i KIGALI atubwire uko asize i KIGALI byifashe e... no mu mayira n'ibibazo ashobora yenda kuba yagiye ahura na byo, tunamubaze yenda... gahunda imuzanye n'igihe ategereza ku... atekereza gusubirirayo i KIGALI.

- ORATEUR Charlotte :

Murakoze. Ni koko mvu... mvuye i KIGALI none aha, ubwo nabanziriza ku cyo ntekereza kuri iyi ntambara. Icyo nyitekerezaho ni uko mbona intambara tugomba kuyitsinda byanze bikunze, cyane cyane ko ingabo zacu zihagaze neza ndetse natwe Interahamwe tukaba duhagaze neza. Twababajwe cyane n'uru... n'urupfu rw'Umukuru w'igihugu cyacu ariko na none nta bwo ku...kubabara ari ughohora urira, tukaba duhagaze neza kugira ngo dutabare igihugu cyacu kandi twizeye ko tuzatsinda nta shiti. Icyo na... hari icyo nakwibutsa na none Interahamwe, hari abantu benshi bivanze, bashaka kwiyita Interahamwe kandi atari zo, bakaba rero bashaka gusebya Interahamwe, icyo nabagiraho inama ni uko i... buri muntu wese mu ishyaka rye yagaragaza igitekerezo cye, akagaragaza icyo...

icyo avuga kuri iyi ntambara, kandi ishyaka yaba arimo iryo ari ryo ryose ntirimutere isoni, aho kugira ngo abantu bose bumve ko intambara yaba irwanwa n'Interahamwe gusa, amashyaka yabo arahari bajye bayagaragaza berekane na bo umu....umuganda bahaye igihugu cyacu mu kurwana iyi ntambara. Murakoze.

- ORATEUR KABONABAKE Thomas :

E... murakoze Madamu Charlotti na none hano turi hamwe n'Interahamwe yitwa HABIMANA bita KOCA, akaba ari umwe mu bantu bakomeretse, bakomerekejwe ku rugamba, tukaba tumusanze hano i GISENYI twagira ngo tumubaze uko ubuzima bwe bwifashe, e... tunamubaze uko yarwanye iyi ntambara n'uko ayibona n'uko atekereza ko yarangira.

- ORATEUR HABIMANA KOCA :

Murakoze Bwana KABONABAKE, ndabashimiye kuba mumpaye ijambo kuri Radiyo ya R.T.L.M. Uko mbona ino ahangaha ubuzima bumeze, ndabona bumeze neza, en tout cas urebye aba... abarwayi babafashe neza ku buryo bwhutirwa, hanyuma ku bibazo urebye by'intambara, intambara tuka...tugomba kuyirwana twese Abahutu uko twu...uko twumva twese, uwumva ko wese ari Umuhutu agomba kurwana iyi ntambara, akayirwana yivuna nta kundi yivuna umwanzi, Njyewe nakomeretse irya iriya i GITARAMA, mu mirwano yabereye i KABGAYI, ariko ibyo ari byo byose mfite courage itabaho, mfite courage yo kuvuga ko ngomba gusubira ku rugamba kandi hasigaye nk'ibyumweru nka bingahe nka bitanu byo kugira ngo nsubire ku rugamba, nsubire kujya guhangana n'umwanzi i KIGALI wigize akari aha kajya he. Kandi ndasuhuza Interahamwe cyane cyane zacu z'Abazulu ziyobora kariya ka... zayoboraga kariya karere kandi na n'ubu zika... zikikayobora ko kugera ku KICUKIRO, guca... kuva... kuva ku KICUKIRO kugera i KANOMBE, ndabashimira cyane ubutwari bakomeje kugaragaza, Abazulu cyane cyane soixante-quatrième bataillon, ndagi...ndayishimira cyane ikomeze morali ifite kugeza ubu ngubu.

- E... na none hano tubonye umushitsi ugira ngo agire icyo avuga, ubwo arabanza yivuge hanyuma... agire icyo atubwira kuri iyi ntambara.

- ORATEUR NSENGIMANA Sylvestre :

E... njye nitwa NSENGIMANA Sylvestre, alias Kandrali. Nkaba ndi hano i GISENYI, nkaba maze icyumweru kimwe mpageze, nkaba mpageze ariko bitanyoroheye cyane kubera ingorane nyinshi nagiye mpura na zo, ariko cyane cyane ndasuhuza abantu bo ku GIKONGORO, kwa Muzehe niba bakiri aho, bakomeze, ubabwire ko njyewe nkiriho ko nta kibazo mfite hano i GISENYI, ariko icya mbere ni iki ni uko gusa tugomba, tweho nk'uko turi i GISENYI tugomba gusubira i KIGALI mu byacu twataye, «tugakombata» de A à Z. Nkaba nsuhuza cyane Liyetona SEBARERA twabanye na we...

Musique.

- ORATEUR HABIMANA Kantano :

... i KIGALI, abatwumva mwese, abatwumva mwese, aho mutwumvira hose, a... abari i NGARA muri Tanzaniya, abatwumvira mu buhungiro, abatuwumva aho mukambitse aho ngaho za Kayenzi mu... mu mingoti, mwarakuwe mu byanyu n'inkenyi z'Inyenzi-Inkotanyi mwese mwihangane, mwihangane kubabara si ko gupfa kandi byanze bikunze bizashira, Inyenzi-Inkotanyi zibe ari zo ziba mu mungoti hanyuma twe tube mu mazu yacu kuko wirukana umugabo kera ukamumara ubwoba. Inyenzi-Inkotanyi rero hano mu mujyi wa KIGALI, twababwiye yuko zazindutse zitera ibisasu nyine hirya no hino hose, zirasa reka sinakubwira wagira ngo zirashaka kumara stock y'i... y'amamasu zazanye ubundi zikagendera aho, kuko urebye ukuntu zitera ibyo bisasu aho zibonye wagira ngo ibyo bisasu ntibigurwa, wagira ngo rwose ibyo bisasu nta mafranga bitwara, ariko rero birumvikana

ko n'ubwo ari ibisazirwa bitwara amasasu, gusa sinumva kubanza gusenya igihugu nyuma ukavuga ngo urakijyamo, uragikunze, ibyo bintu hari mu bwenge bw'Inkotanyi ni yo ishobora kubyumva.

Hinga nisuhurize abantu, hinga nsuhuze a...mezi n'indi minsi. Na none bat i «yo», bat i «ese biragenda gute ko mu nzu nta gafaranga, ko ndambiwe, ndaba uwande?». Ha! Mwese nababwira nt i «mutone», mutone kuko mwene Runyenzi ntabwo yaje akina, mwene Rukotanyi ntabwo yaje akina ni ugutona kabisa ufite utuntu akaturya neza, iy i ntambara ntabwo izaba ngufi ndabarahiye. Ntabwo izaba ngufi, ni yo mpamvu tugomba kuyirwana tudakina, tutadebek, tutajebeka kuko mu by'ukuri muri iy i ntambara n'ubwo burya ngo utabusya abwita ubumera, ariko hari ibintu byinshi byagiye bigaragara nko mu gisirikare ukabona koko yuko bitumvikana. Ukabona ko bitumvikana, yenda umuntu kubera ko atari umusirikare, ashobora kuvuga ati «nakora nka biriya. Kuki se biriya bidakozwe». Ariko yenda umuntu akavuga ati... Umusirikare we aba avuga ati «ntabwo wabikora kuko birakomeye». Ariko hari ibintu koko umuntu abona akabona ari uku... ari ukudebek, akabona ari ukudebek akibaza impamvu ibyo bintu byabayeho akumva bidashoboka. Hinga mbahe urugero. Hari igihe twavuze ibintu bya Gatsata. Gatsata imara amezi abiri yose, na n'ubu abaturage bose ntibarasubira mu byabo. Ariko, icyo umuntu asigaye abona muri iki gihe, hari imodoka izi hariya hejuru ku gasozi ka Jari, ikaza itera ivumbi, ikamanuka hirya hariya. Koko se n'ubwo tuti... n'ubwo tutize ibya gisirikare ko twumva ngo hari abakomando, ko twumva ngo habaho mine batega amodoka, ubwo koko habuze n'umuntu wagenda, n'ubwo yaba ari umwe agapfa ariko agatega iriya modoka ihora izana ravitaillement! Ibyo bintu se bishoboka bite? Hum! Hinga rero noneho mbabwire n'ikindi. Ni ibanga rya gisirikare mennye, ariko n'uwarimena nta cyo byaba bitwaye kuko hari ibintu biba biteye agahinda. Uyu munsi Inkotanyi zanyegeye, ziza zikoresheje ibyitso, ziza muri Saint Paul, ntabwo ari muri Sainte Famille zaje muri Saint Paul hahandi hirya. Hariya hari impunzi nyinshi z'Abatutsi. Harimo n'Abahutu. Bon, twebwe uko twumvaga, mu by'ukuri izo mpunzi...izo mpunzi zahabaga zari zigeze ku gihumbi na magana atanu. Inkotanyi ziranyege, ziraza hariya muri

Saint Paul uko muhabona, zinyuze mu rutoki mu tuntu, abo bantu bose zirabajana. Hanyuma se, abari barinze abo bantu, ese ko ari ukubajyana gusa, iyo ziza zikabaha imbunda gusa, uyu mujyi uba ubarizwa he? Ubwo se koko ibyo bintu byumvikana bite yuko abantu igihumbi na magana atanu banyura ahantu abantu b'abasirikare bagenewe kurinda uyu mujyi, bagenewe kurinda umutekano w'abaturage batazi? Umva ntibagurutse! Banyuze mu nzira. Banyuze mu muhanda. Bambukiye ahantu. Aho hantu hataba mine, ntihabe ikindi kintu cyabatega ngo kibaturikane abantu bamenye ko abo bantu bahanyuze, koko abantu igihumbi na magana atanu bagende mu mujyi bamanuke RUGENGE, bagende koko... bagende ba... bagere ku GISOZI mu Nkotanyi! Ibyo bintu byumvikana bite? Iyo nzira banyuzemo bishoboka bite ko abantu igihumbi na magana atanu koko bashobora kwibwa n'Inkotanyi zikabajyana niba koko tutarwana iyi ntambara tutajenjeka? Ibyo bintu rero bigomba kurangira, tugakara kuko iyi ntambara ni rurangiza, irakaze, irakomeye, uyibonamo kujenjeka uwo si uwanjye, uwo si uwanjye abe ahunga hakiri kare, ariko iyi ntambara ni rurangiza urebye umwana w'Umututsi aravuga ati «ni hahandi hanjye, nzica Abahutu nshoboye kugergeza kwica, umubare munini cyane», ni cyo gituma mwumva bavuga Abafransa bati «tuje kurengera abantu», bati ashwi «mureke tubanze Abahutu tubamare», kuko ndakeka yuko koko hari ababona tujenjeka, hari ababona ko turi abanyabwoba, ibyo rero ntibigomba kubaho, bigomba guhagarara, bigomba kuvalo tukarwana iyi ntambara dushikamye kuko iyi ntambara irakomeye kandi iraruhije, kandi izamara igihe kinini. Kujenjeka rero, niba hari abantu bajenjetse, abo ngabo si abanje. Niba hari abantu barinze umujyi ntibarebe buri kantu kose, ntibafungire abari igihe, ntibagire gute, iyi ntambara tuzayitsindwa kandi bizaba bibabaje mubona ukuntu byagenze. Baravuga bati «imbunda dore, dore imbunda irasa hariya, ifunze uyu muhanda, dore ngiriya aho ihagaze». Abantu nk'aho bafashe mu basirikare bagafata «akagroupe» gato k'abantu ijana cyangwa mirongo itanu ngo bagende iyo mbunda bayinyure inyuma bayifate, bigatuma nk'ibirayi bimara iminsi ibiri bitaje muri KIGALI. Imbunda ikahamara icyumweru, ikahamara iminsi ingahe, abantu badafashe abakomando ngo bajye kuyifata. Ubwo se murabona ko iyi ntambara koko tuzayirwana dute? Ntabwo byumvikana. Hagati aho ni ho abantu baktwiza ibihuha, bati «muramenye, ntihagire ugenda umuhanda wa KIGALI si muzima, urafashwe», ari akantu k'akabunda bumva kandi mu by'ukuri

gashobora gufatwa kakaza. Ibyo bintu rero mbonamo kujenjeka. Kubona imodoka zihora ziza mu Gasyata hakaba nta «komando» n'imwe irazitega mine byibuze ngo twumve mine iratu... iraziturikanye, kandi akensi zigenda zijimije amatara, ntabwo byumvikana. Guhagarara hariya ku Gi... ku Kimisagara ngo urarasa hakurya, amasasu bahora bapfusha ubusa bayata mu gishanga, wakwegereye ukihisha mu kintu noneho... ese ubutwari Inkotanyi zigira bwo kuza muri RWANTEXCO ari ebyiri, ari eshatu, kuki abasirikare b'u Rwanda koko batabugira ngo bagende begamire igiti, begamire ahantu ngo bayiraseho Strimu, bayiraseho mine anti-char, bayiraseho iki koko birukire mu gishanga ko nta wababona icyo gihe. Ibyo bintu rwose ni akaga kandi ibi bintu mukomeza mugenda mujenjeka, mujenjeka Inkotanyi zisunika, zisunika, zisunika ni akaga. Ni nka biriya bavugaga batì «ese mu Musigitu Inkotanyi bari bazikuyemo, kuki batafashe abantu ngo bahararire zikarinda kugarukamo na none zikaba ziteza ibibazo». Ibyo rero ni byo kujenjeka, ngabo z'u Rwanda, si ukubagaya ariko buri kantu kose niba kabaye muhitireho, kabananire ariko mwakagerageje. Niba ahantu hari imbunda mukamenya ko Inkotanyi zayihazanye immédiatement, directement mugende mu... mushake aho iyo mbunda iri, mutabare muyifate cyangwa se muhirukane izo ngegera. Naho ubundi gutegereza ngo «apu, ngo umenza bariya nta cyo batwaye». Ha! Yewe ntabwo muzi Inyeshyamba icyo ari cyo. Abantu baravuze batì «nyabuneka nimwatake GISOZI muhamare igihe». Reka da! Ngo «ashwi». Ubwo se amaherezo. Abantu batì «mwatake REBERO nyabuneka, murebe ko ibirimo mwabikuramo nihadshaka hapfe abantu; nta gihe abantu batazapfa; ubu se abantu..., ko mutatake REBERO se ngo... ngo muyifate, hagati aho se Inkotanyi ntizohereza ibisanu mu bantu, ntibapfa se? Hum! Nta gihe rero abantu badapfa. Ibyo ngibyo rwose, ibintu byose byo kujenjeka, niba hari aho umuntu yumvise agakotanyi, si ngombwa kujuvana bataillon, si ngombwa kujuvana compagnie, si ngombwa kujuvana iki, niba Kapitene adashaka gufata initiative, niba adashaka kujuayo, wowe Kaporali byisinyeho n'abandi bajyarnugambi. Hanyuma nyuma y'aho tuzareba nakwirukana cyangwa akakurasa. Niba Majoro adashobora gufata initiative ati «mutere aha», mukaba mubonye muri abasirikare ijana mushyize hamwe, nimuhatere hanyuma turebe. Ni ko tuzarwana iyi ntambara na ho ubundi gutegereza ba Majo... bamwe rero babaye abacuruzi, abandi n'inda n'iki, abo bose, abajenjetse bose bagomba guhagarara kuko iyi ntambara y'Inkotanyi ya

rwiziringa izadukoraho, umu... Umututsi ntabwo yaje akina, aravuga ati «Umuhutu ni umunyabwoba. Umuhutu ndamuzi azageraho arambirwe. Umuhutu ndamuzi azasonza. Umuhutu nza...ndamuzi azagira ubwoba». Ubwoba bwo twarabutsinze, ariko ibyo kujenjeka mu gisirikare ni ho dusaba yuko babikuraho, rwose ibintu tubona byo kujenjeka twebwe abasivili bikavaho... bikavaho mu gisirikare, abajenjetse bakavaho hanyuma hagasigara abakora. Na ho ubundi tuzakomeza kujenjeka iyi ntambara tuzayitsindwa kandi igeze mu mahina akomeye, kwizera Abazungu hari avuga rero ngo «yebaba we! Ngo Abafaransa ngo nibaze». Abafaransa se baraza, azakubuza yuko Umututsi akuniga mwiherereye mu kabari! Azakubuza se yuko Umututsi akuniga, akagutera iwawe akaguhotora e... mu giturage! Abo Bazungu se bazakwira muri komine, bazakwira mu maselire, mu masegiteri mwabakura he? Nimwirwaneho mwebwe ubwanyu, na ho Umuzungu nta cyo amaze. Kuvuga rero ngo «yebaba we! Ngo Abafaransa se bazaza ryari? Ngo ese mama ni ejo? Ni ejobundi? Oya, iby'Abafa... ak'imuhana kaza imvura ihise, iby'Abaferansa nimubikureho, mureke kujenjeka. Mureke kujenjeka. Ni uko bimeze.

Hano mfite ubutumwa, hari ubwa NZABONIMPA Abdallah, NZABONIMPA Abdallah ukora kuri Radiyo Rwanda, kuri... ibaruwa ye nakuye ku GISENYI, NKEZABERA Dismas na we wo kuri Radiyo Rwanda mpi...mfite ibaruwa ye nakuye ku GISENYI, hanyuma Madame Conseiller wa Segiteri RUGENGE, P.V.K, NYIRABAGENZI Odetta na we mfite ibarwa ye nakuye ku GISENYI. Hanyuma iby'ubwirasi, ariko kandi na none iyo umuntu arebye mu mateka y'amoko akeka ko... abona koko ibyo bintu by'ubwirasi bigaruka. Hari nko gutekereza yuko... Umututsi atekereza ko Umuhutu atagira ubwenge. Gutekereza ko Umuhutu ari umuntu w'unmunyabwoba, gutekereza ko Umuhutu icyo yakwima wacyiha ku ngufu kandi ukakigeraho. Ibyo ngibyo ni byo Inkotanyi zitekereza. Na we se uyu munsi twumvise mu maradiyo y'amahanga, twumva hose yuko uyu munsi rwose bagerageza gukura impunzi aho ziri, bakazigurana, izijya mu Nkotanyi, izijya ku ruhande rw'u Rwanda, izijya he? Twumvaga rwose ngo uyu munsi bari butware ibihumbi bine babijyanye neza mu mamodoka, bikozwe hari na Dallaire cyangwa undi muntu urnwungirije. Ariko Inkotanyi zo ntizategereje zahisemo kuza kwiba abo bantu.

Nyuma rero na none. Ni nko ku kibuga cy'indege. Guverinoma y'u Rwanda yatanze ikibuga cy'indege iti «njyewe ngihaye MINUAR». Mu kanya Inkotanyi ziba zitimbiyeyo, ziti «twebwe twagifashe». Hum! Inkotanyi twazizimaniye tuzi... twarazizimaniye tuzicumbikira muri C.N.D, inzu nziza cyane muri iki gihugu. Inkotanyi zimaze iminsi ziti «nta byo twebwe tugije kwicukurira imyobo twiberemo, ntitwazanywe no kuba mu mahotelî». Urnuntu rero akibaza Inkotanyi... Inkotanyi tuvuze tuti «nyabuneka Nkotanyi ntabwo dushobora kubaha ubutegetsi bwose ngo mubujyane kandi natwe turi aho tubukaneye, kandi natwe ba Sogokuru barabuvunikiye muri mirongo itanu n'icyenda», Inkotanyi ziti «ahubwo turubura imirwano noneho tubutware ku ngufu, iby'Arusha ntitubishaka». Noneho umu... aba... abahanga bazi gusesengura, muzadusesengurire mu mutwe w'Inkotanyi niba koko ibyo bintu atari agasuzuguro ko kuvuga ngo «bariya Bahutu icyo batwimye, turagifata ku ngufu». Kuko ni ko bimeze. Ubwo rero ni ukubisesengura umuntu akareba impamvu Inkotanyi tuvuga tuti «Nyabuneka iki kintu ntabwo tukibahaye ahubwo tugsangire», zo zigashaka kugifata cyose. Tuti «nyabuneka iki kintu turakibimye», bati «basi mujyane twe turagifata ku ngufu». Ibyo bintu ndabona harimo agasuzuguro, hari na ko koko gakurikira... gakurikirana a...imibanire y'amoko mu Rwanda kuko nta kuntu babbira Inkotanyi bati «nyabuneka mwebwe n'ubwo mwafashwa n'Abagande muri bake, nimukomeza bariya bantu benshi bazabamara», ariko Inkotanyi zigakomeza kuko ntabwo byumvikana. Ntabwo byumvikana, zagombye kumva ko ari byo zikarekera, ariko ntabwo zibyumva. Ibyo bintu na none ndakeka yuko bishingiye ku gasuzuguro. Igica agasuzuguro ni iki? Igica agasuzuguro ni uko iyo umuntu agusuzuguye, akavuga yuko yagukubita, ko yawkica, ko yakunesha, ni uko murwana ukamwereka yuko ufite ingufu. Iyo umweretse rero yuko nyine ka gasuzuguro gashingiye ku kuri, birumvikana na we uba wisuzuguye, agukora, akugira ayo ifundi igira ibivuzo. Maze se, ni nde se Muhutu wemeye gusuzugurwa bigeze aho? Ndakeka ko nta we. Mukomere rero ku rugamba, mukenyere mukomeze.

NIYONZIMA Jean-Pierre uri mu... ku KACYIRU... uri ku KACYIRU i KIGALI aramenyesha UMUHOZA, MUREKATETE, Radhia bahungiye kwa OMAR na Mariamu mu Ibereshi mu

Ruhengeri, niba abana baje ku cyumweru itariki cumi n'ebiiri z'ukwa gatandatu barahageze, ari bo Victor, Alphonse n'UMUTESI, niba barahageze rero basabwe kubimumenyesha, e... NIYONZIMA Jean-Pierre, bas... basabwe kubimemenyesha NIYONZIMA Jean-Pierre kuri Radyo Rwanda cyangwa R.T.L.M kuko mu rugo bakeneye kumva niba barahageze. Ati «kandi NIYONZIMA Jean-Pierre ararangisha umuryango we ugizwe na BIHIZI Aloyizi, na Velariya, NSENGIYUMVA, MBONIGABA, NGOMBWA Gervais, NYIRAMACUMBI, MINANI, MAKUZA, NZIYUMVIRA, BAGARAGAZA Emmanuel na Pasteri SEBUHINJA Andreya, bari batuye mu BUGESERA, muri Komine GASHORA, Segiteri MWENDO ko NIYONZIMA Jean-Pierre bamumenyesha aho bari akaba yabageraho babinyujije kuri Radyo yigenga R.T.L.M cyangwa se kuri Radyo Rwanda.

Ubu butumwa ni ubwa nde? Ni BASEME, BASEME Ahmed wo muri bataillon commando Huye, aravuga ati «nnyewe... rwose hano ndi ku git... ubu ndi hano ku Giti cy'inyoni, cy'ishaba», ati «ndi kumwe n'Interahamwe zitwa «Groupe de combat», turinze ko ari KAGAME alias KAGOME

wadutungukamo ngo tumukorere nk'ibyo twamukoreye muri mont Kigali», ati «ndagira ngo rero unsuhurize aba bakurikira :

- papa na mama baba i RWAMAGANA niba bakiriho, bakaba bumvise ubu butumwa barebe uko babimemenyesha aho bari.
  
- RUHANGINTWARI, RUHANGINTWARI Dieudonné wabaga i RWAMAGANA,
- NSHIMYUMUKIZA Edouard wabaga i RWAMAGANA,
- NSHIMIYIMANA Isaka uri mu BIRYOGO hanyuma na
- BAZUBAGIRA Madina uri mu BIRYOGO».

UWIMANA Maryam aho ari hose umubwire uti «wabaye iki... ikigwari urahunga kandi abandi babaye abagabo bashinga ibirindiro mu mujyi n'abajeunes bose b'i RWAMA... b'i RWAMAGANA bose uti «Imana iri kumwe n'abihangana», bose kandi ehan! Bose uti «ubansuhurize». Ni BASEME Ahmed bita Stalone.

(Arakoroye). Hanyuma uyu ni NDAYISENGA Théodomir, Komine MURAMA, Segiteri BWERAMANA i GITARMA, baravuga bati «kuri Radiyo yigenga R.T.L.M mbandikiye mbasuhuza mwebwe Banyamakuru ba Radiyo yacu mudatenguha», ati «ubu mpanga... nkaba mpanganye n'umwanzi, uwakwibeshya agatunguka hano kuri position yacu ya Brigade i NYAMIRAMBO, nimunsuhurize umuryango wanjye uri i MURAMA, nkaba mbamenyesha ko HABIMANA Marcel ari aho», ati «ndasuhuza na HAVUGIMANA », ati «ubu ndakomeye ku ntwaro yanje ya fare», ati «mwirirwe».

Uyu ni nde, uyu we ni... Kaporali Gendarme HAGUMIMANA Sylvestre, he! Wo muri camp MUHIMA, ati «ku bakozi ba R.T.L.M ndabasuhuza cyane, nishimira morale muhora mudu... mutugezaho», ati «kuri Kantano mukomere cyane», hum! Ati «ni HAGUMIMANA ubasuhuza, ati «nagira ngo munsuhurize ababyeyi banje bari ku MUKAMIRA, muri Komine NKURI, hum! Kuri... kuri KOPERA, ari bo BANGAYANDUSA, NZABALINDA, NTIBAGANIRA, HARELIMANA, KIDALI n'abajeunes bose bo kuri KOPERA bose n'ubwo hum»! Ati «n'ubwo ngendera ku mbago kubera Inyenzi zandashe», ati «nizeye ko nza... ndashidikanya ko Uwiteka azatugabiza Inyenzi tukazimaraho», ati «ndasaba amasengesho yanyu». Ni Kaporali Gendarme HAGUMIMANA Sylvestre wo muri Gendarmerie ku MUHIMA, ati «kandi kugira ngo nkire, nsubire guhangana n'ingegera z'Inyenzi-Inkotanyi», ya! Ati «nari nibagiwe icyana nkunda cyane», ati «Kantano kinsuhurize», ati «cyitwa NIYIBIZI uri ku MUKAMIRA kuri KOPERA», ati «musigarane amahoro kuri Radiyo yigenga R.T.L.M», ati «ni Kaporali Gendarme HAGUMIMANA Sylvestre».

Ubu dufite saa yine n'imino... n'iminota mirongo ine, saa yine n'iminota mirongo ine muri Studio za blindé ya R.T.L.M, ubu rero hinga twumve uyu muziki gato, nyuma tubagezeho n'ibindi biganiro.

Umuziki.

**FIN DE LA FACE B.**